ITANGAZO RIGIRA INAMA ABANTU BOSE

Inyubako zujuje ubuziranenge mu myubakire zubakwa nabahanga mu bwubatsi babifitiye ubumenyi kandi banditse mu rugaga rw' abahanga mu bwubatsi

Nyuma y'inkongi z'umuriro zikomeje kwibasira inyubako zitandukanye ndetse n'inyubako zasenywe kubera kubakwa nabi zitujuje ibisabwa, Urugaga rw'abahanga mu bwubatsi mu Rwanda (Institute of Engineering Rwanda – IER) ruragira inama abantu bose, ba nyiri inyubako, abashoramari mu bwubatsi n'abashinzwe imicungire y'inyubako gufata ingamba zikurikira zo kurinda ubuzima bw'abantu n'imitungo yabo.

Ibibazo byose biterwa n'imishinga y'inyubako itateguwe neza, imirimo ikorwa n'abadafite ubushobozi n'ubumenyi bukenewe, ikoreshwa ry'ibikoresho bitujuje ubuziranenge ndetse no kutita ku kubungabunga inyubako uko bikwiye.

1. Gukoresha gusa abahanga mu by'ubwubatsi banditse kandi bafite impushya zo gukora umwuga

Hashingiwe ku Itegeko N° 26/2012 ryo kuwa 29/06/2012 rigenga imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi rikanashyiraho ingaga z'abakora iyo myuga mu Rwanda , serivisi z'ubwubatsi, kuva ku nyigo za tekiniki kugeza ku kugenzura no gushyira mu bikorwa imirimo y'ubwubatsi, bikorwa gusa n'abahanga mu bwubatsi (Professional Engineer), uwunganira umuhanga mu bwubatsi (Technologist), umutekinisiye (Technician) cyangwa ikigo gitanga serivisi z'ubujyanama mu bwubatsi, byiyandikishije kandi bifite impushya zo gukora umwuga (Ingingo ya 32, 33, 40 na 41). Mbere yo gutanga akazi banza usabe ugiye kugakora kukwereka nomero imuranga imwemerera gukora ako kazi yatanzwe n'Urugaga (ingingo ya 42) nutanyurwa ubaze mu rugaga niba yemewe.

2. Kwita ku micungire no kubungabunga inyubako bikorwa n'abanyamwuga babifitiye ubushobozi

Ba nyir'inyubako n'abashinzwe imicungire yazo bagomba nibura gukora ibi bikurikira:

- Gukora isuzuma ry'umutekano w'inyubako n'ahantu hahurira abantu benshi mu rwego rwo kwirinda inkongi z'umuriro.
- Gushyira mu nyubako ibikoresho birwanya inkongi z'umuriro, birimo ibyuma byerekana inkongi (fire alarms), ibyuma byerekana umwotsi (smoke detectors), ibyuma bizimya umuriro byikoresha (sprinklers), kizimyamwoto (fire extinguishers), imiyoboro y'amazi yo kuzimya umuriro (hose reels) n'ibikoresho birinda inyubako inkuba kandi buri gihe bagasuzuma ko bikora neza . Mu ngo, hagomba kuba nibura kizimyamwoto ebyiri n'igitambaro cyabugenewe cyo kuzimya umuriro ushobora kwibasira igikoni (fire blanket).
- Gusimbuza ako kanya insinga n'ibikoresho by'amashanyarazi bitujuje ubuziranenge.
- Kugenzura ko inzira zo gusohoka mu nyubako, ibyapa byerekana inzira zo gusohoka n'uburyo bwo gutabara abantu mu gihe cy'akaga bihari kandi bikora neza.
- Gukoresha imyitozo yabugenewe mu kurwanya inkongi y'umuriro kubantu bose bakoresha inyubako rusange.
- Gufata ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro ku nyubako zose zihuriramo abantu benshi (Public buildings).

4. Ibigomba kwitonderwa

- Kugenzura ko umunyamwuga cyangwa ikigo bagiye gukoresha cyiyandikishije kandi gifite uruhushya rwo gukora umwuga, mbere yo kugirana na cyo amasezerano.
- Gutura mu nzu yubatswe ifite ibyangombwa byose n'icyemezo cy'uko amashanyarazi yujuje ibisabwa.
- Kwirinda gucomeka ibikoresho byinshi ku murongo umwe w'amashanyarazi birenze ubushobozi bwawo, no kudafunga inzira zose zo gusohoka mu nyubako igihe habaye nkongi.
- Kumenyesha urugaga inyubako zigaragaza ibibazo by'umutekano n'abakora umwuga batabifitiye uburenganzira.

Urugaga rukomeje gukorana na Leta n'abandi bafatanyabikorwa kugira ngo imirimo y'ubwubatsi n'imicungire y'inyubako ikorwe gusa n'abanyamwuga bafite ubushobozi, biyandikishije kandi bubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga umwuga.

Kigali, Kuwa 02 Ugushyingo 2026

Eng. Philbert MBANZA
Perezida w'Urugaga rw'abahanga mu bwubatsi mu Rwanda (IER)